IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA IGENEWE ABAKRISTU MU GIHE CY'INKIKO - GACACA

UBUTABERA BWUNGA

13 KAMENA 2002

Byandikishijwe n'Ibiro by'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA IGENEWE ABAKRISTU MU GIHE CY'INKIKO - GACACA

UBUTABERA BWUNGA

13 KAMENA 2002

Byandikishijwe n'Ibiro by'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

INTANGIRIRO

Bavandimwe muri Kristu,

Imyaka ibaye umunani u Rwanda rugushije ishyano ry'**ITSEMBABWOKO n'ITSEMBATSEMBA.** Twese tuzi ibibazo by'urudaca byakuruwe n'ayo marorerwa. Inkiko-gacaca zivugwa cyane muri iki gihe, zigamije gushakira umuti ibyo bibazo. Twebwe abashumba ba Kiliziya Gatolika mu Rwanda, tunejejwe no kohereza abakristu, ndetse n'abandi bantu b'umutima mwiza, ubutumwa bwo kubafasha kugeza inkiko-gacaca ku bucamanza bwunga. Izo nkiko zahawe inshingano yo gukurikirana ibyaha bigize ibyaha cy' itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu, byakozwe hagati y'itariki ya mbere ukwakira 1990 n' iya 31 ukuboza 1994.

AMIZERO KU NKIKO- GACACA

Amahano yagwiriye u Rwanda mu 1994 yasize imitima ya benshi yarashegeshwe. Ibyakubakwa byose, mu gihe abantu baba bakiremerewe mu mitima, ntabwo byagarura umubano mwiza mu batuye u Rwanda. Hari abaremerewe n' umuco wo kudahana watumye abagomeye abandi, aho kwisubiraho, baragiye babakorera ibibi byisumbuyeho, kugeza ku gahomamunwa k'itsembabwoko n'itsembatsemba. Abiciwe ababo, nta kizere bashobora kugarura, babona ababiciye badahanwe. Hari n' abaremerewe no kwitirirwa ibyaha batakoze. Mu bihumbi birenga ijana by' abafunze baregwa ubwicanyi, hari abashobora kuba barengana, bategereje umwanya wo kuburana ngo bagaragaze ko ari abere. Abahamwa n' ibyaha na bo, bategereje inkiko zabakatira, bakava mu gihirahiro cyo gutura muri gereza utazi n'igihe uzamaramo. Ari abo tuvuze ari n' abandi bagezweho n' inkurikizi mbi z'itsembabwoko n'itsembatsemba, bose bahanze amaso inkiko-gacaca kandi bazitegerejeho byinshi.

Kwizera ko izo nkiko hari icyiza zizatugezaho, si ukwibeshya. Icyo dushingiraho ayo mizero kandi gikwiye gushimwa, ni uko muri iyi myaka munani ishize, umuryango w'abanyarwanda wagaragaje ubushake bwo kwihemberamo ubuzima aho guheranwa n'urupfu. Ibyo byagaragaye ku buryo bwinshi. Hari nko kugoboka abasizwe iheruheru n' itsembabwoko n' itsembatsemba. Leta, Kiliziya Gatolika n' andi matorero y' abemera Kristu, n'indi miryango yogeza iyobokamana, ibihugu n'imiryango ntera-nkunga, ndetse n' abantu ku giti cyabo, bahagurukiye gufasha ibyiciro binyuranye by'abashegeshwe kurusha abandi. Twavuga imfubyi, abapfakazi, abamugaye , ababuze ababo, n'abagororwa. Kuba ingorane zikiri nyinshi, ntibigatume twibwira ko ntacyakozwe.

Muri iyi myaka kandi, hakozwe byinshi mu gutegura no gushyiraho amategeko adasanzwe, ajyanye n'ibihe bidasanzwe twashyizwemo n' itsembabwoko n' itsembatsemba. Turashima ukuntu igitekerezo cy'ubutabera kigendana no gushaka kunga Abaturarwanda. Birakwiye koko guca imanza zitabera, guca umuco wo kudahana, kugaragaza ko umuco wacu wabidufashamo, no guharanira inyunga kandi kigasana umubano w' abatuye igihugu cyacu.

Twakwibutsa n'umurimo ukomeye wakozwe muri Sinodi yateguriye Yubire ikanayiherekeza. Iyo Sinodi tuzi ko yari ifite inshingano yo kwiga no gushakira umuti

ikibazo cy'irondakoko cyagaragayeho kuba impamvu y'ingenzi yateye Abanyarwanda amacakubiri yabagejeje ku itsembabwoko n' itsembatsemba. Kuba abakristu baratinyutse kuvuga icyo kibazo byonyine ni intambwe ikomeye yatewe mu nzira yo kugikemura. Bageze n' aho bamwe berura bakavuga ibyo bakoze, bagasaba imbabazi abo bahemukiye n'abagiriwe nabi bagatanga imbabazi. Aho hari impamvu yo kwizera ko Abanyarwanda bashobora kugera ku bwiyunge n'ubumwe, n'ubwo inzira ikiri ndende.

IMPUNGENGE ZITEWE N'INKIKO-GACACA

Hamwe n'amizero, inkiko-gacaca ziteye impungenge. Hari abazibonamo uburyo bwo kuzarekura abafunze, kuko igihugu kitakomeza kuremererwa no kubatunga, kandi no kubacira imanza mu nkiko zisanzwe bidashoboka. Abandi barikanga ko ukuri kose ku byabaye nigushyirwa ahagaragara, ubuzima ku mirenge buzaba butagishobotse, kubera inzangano. Ndetse abantu baranibaza niba koko bazajya gushinja bene wabo babonye bakora amahano, kugeza n'aho abo mu rugo rumwe bazasabwa kuvugisha ukuri kose ku bo mu muryango wabo. Hari ndetse n' abatizera ko ukuri kuzagaragara ahantu hose.

Kuva inkiko-gacaca zatangira kuvugwa, izo mpungenge tuvuze, hamwe n'izindi, zagiye zishakirwa ibisubizo n' abari bashinzwe kuzitegura. Iyo twebwe tubona dukwiye kugarukaho ni ijyanye n'ibiteganywa n'ingingo ya 32 y' amategeko ku nkiko-gacaca igira iti: "Umuntu wese udatanze cyangwa wanze gutanga ubuhamya ku byo yabonye cyangwa azi, kimwe n'ubeshye mu buhamya atanze akurikiranwa n'Urukiko-Gacaca rumutahuye....." Igiteye impungenge ni uko mu kuvuga ukuri kose ku byabaye, abashakanye umwe azashinja undi, umwana agashinja umubyeyi, umubyeyi agashinja umwana, bitaba ibyo uwanze kuvuga ukuri azi agahanwa.

Mu buryo busanzwe bwo kuburanisha imanza, birinda gusaba umuntu kuba umugabo mu rubanza rw'uwo bashakanye, cyangwa mu rubanza rw'uwo umuntu abereye umubyeyi cyangwa umwana. Impamvu ni uko batizera ko yavugisha ukuri. Ashobora kubiburira imbaraga kubera umubano ushingiye ku rukundo no kwifuza kurengera uwo bafitanye isano; ashobora kandi gutinya ko kuvugisha ukuri byakwakirwa nabi bigasenya umuryango. Icyakora abacamanza bashobora kumwumva nk'umuntu ubungura ibitekerezo, ibyo ababwiye bikabafasha gushaka aho ukuri guherereye.

Benshi mu bakristu baravuga bati icyazana ngo ibyo abacu bakoze bimenyekane, ariko biturutse kuri bo ubwabo cyangwa ku bandi. Ntagushidikanya ko ibyo byakorohereza umutima uri mu gihirahiro. Niyo mpamvu dushishikariza abakristu bagize uruhare mu itsembabwoko n' itsembatsemba n' ibyaha byibasiye inyoko-muntu, kwirega ubwabo ibyaha bakoze, no kwakira gitwari ibihano bizabagenerwa. Abo dufitanye isano ya hafi tubegere tubashishikarize kwirega ubwabo imbere y' inkiko-gacaca. Uko bizagenda kose, umukristu agomba guhitamo inzira y'ukuri kuko ari yo ya Kristu.

Hari n'izindi mpungenge. Benshi bakomeje kwibaza niba abasaserdoti n' abandi bihayimana bashobora gutanga ubuhamya ku byo babonye. Abandi bati nta kuntu batabikora, ukurikije ukuntu hari byinshi byabereye mu maso yabo, kuri za paruwasi

no ku bigo byabo. Ni ngombwa rero ko musobanukirwa n' imyifatire ikwiye kuri icyo kibazo.

Icya mbere ni ukumenya ko igisabwa Abanyarwanda bose n' itegeko, kireba na kiriya cyiciro cy' abasaserdoti n'abihayimana. Basabwe nabo kuvuga ibyo bazi, hagamijwe ubutabera bwunga. Icya kabiri ni icyerekeye abasaserdoti n'ibanga ryo mu ntebe ya penetensiya. Koko rero, tuzi ko uje kwigorora n'Imana abwira umusaserdoti ibyaha bye. Aha hakaba impungenge ko uwo musaserdoti najya kuvuga ibyo azi ashobora kumena rya banga, cyangwa agaca intege abashaka kwicuza no kwigorora n'Imana, batinya ko ibyabo byazajya ahagaragara. Aha rero tuributsa ko amategeko ya Kiliziya ahamya akomeje ko ntawe umena ibanga rya penetensiya (can. 983). Ubikoze aba aguye mu cyaha gikomeye cyane, gihanishwa gufungirwa amasakramentu no kwamburwa ububasha bwa gisaserdoti. Ntawe ukwiye rero kwikanga ko rya banga ryazatuma ibye bimenyekana atabishaka:

Hari n'ikindi kibazo ariko, gishingiye ku mayeri y'abashobora kujya kwicuza, bagira ngo umusaserdoti babwiye icyaha cyabo ave mu mubare w'abashobora kubashinja. Ni ngombwa kwibutsa iryo banga uko riteye ni ikintu umusaserdoti amenyeye mu ntebe ya penetensiya, akibwiwe n'uwagikoze, kandi nta bundi buryo akizi. Ibyo bikavuga ko atakifashisha atanga ubuhamya, ashinja cyangwa ashinjura kuko amategeko abimubuza. Icyakora icyo yiboneye n'amaso ye, n'iyo baza iwe kukicuza, aba ashobora kukivuga uko yakibonye.

UKURI KOSE, UKURI KONYINE

Bavandimwe muri Kristu,

Mwibuke itegeko ry'Imana " Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi". Kristu ubwe ashimangira ayo magambo agira ati : << Mujye muvuga muti yego, niba ari yego, cyangwa oya, niba ari oya ; ibigeretsweho bindi biba biturutse kuri Sekibi » (Mt 5,37). Igihe cy'inkiko gacaca ni umwanya wo gusobanura neza ibyaha byakozwe n'uruhare nyarwo uregwa yagize. N'ubwo tuvuga ibyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba, mu by'ukuri ni uruvangitirane rw' ibyaha byinshi, birimo kwica, gushinyagura, gusahura, kurema imitwe y'abagizi ba nabi, gufata abari n' abategarugori ku ngufu, gutanga ibikoresho by'ubugizi bwa nabi, kutagoboka abari mu kaga kandi ubifitiye ubushobozi, n'ibindi.... Turashishikariza abakristu kuvugisha ukuri, bakavuga ukuri kose, kandi ukuri konyine. Ibyo rero bisaba abatanga ubuhamya, abashinja n'abashinjura, abirega n'abiregura kuvugisha ukuri ku byabaye, birinda kubyambika amagambo menshi yatuma ukuri kutagaragara. Kuvuga ukuri, ni ukuvuga ibyo wabonye, ibyo wahagazeho, birebana n' icyaha izi nkiko-gacaca zizaba zigamije gukurikirana, ni ukuvuga icyaha cy' itsembabwoko n' itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko-muntu guhera ku itariki ya 1 ukwakira 1990 kugera ku itariki ya 31 ukuboza 1994.

Bakristu bavandimwe, twifuje kubamurikira, mwebwe n' abandi Bantu b' umutima mwiza, ku byerekeye imyitwarire ikwiye, mu gihe cy' inkiko-gacaca. Nyuma yo kwibukiranya ibyo amategeko asaba, n'ukuri kugamijwe, ni ngombwa kwibutsa

ubwigenge budacubangana bw'umutimanama wa buri wese, umurikiwe neza n'ukwemera, kandi uyobowe n'urukundo rw'Imana n'urwa kivandimwe. Koko rero, kami ka muntu ni umutima we. Ubwigenge nyakuri, bushingiye ku gukora icyo ushaka, kuko gikwiye, ubyeretswe n'ubwenge bushishoza neza, kandi wirinda gutatira urukundo Kristu yaduhayeho umurage. Ntakabuza rero, muri ziriya manza, hazabaho ibibazo nk'ibi : ese mbivuge ? Mbivuge uko byakabaye cyangwa ngire icyo ngobeka ? Mbivuge none cyangwa nzabivuge ubundi ? Ese uwabyihorera..... Ibyo bibazo kimwe n'ibindi nkabyo, buri wese ajye abisubiza azirikana ko ikigamijwe ari ubutabera bwunga, kandi amurikiwe n' isengesho n' umutimanama we. Ntakabuza Imana irifuza ko abateshejwe agaciro bagasubizwa, abahemukiranye bagasubirana umubano wa kivandimwe ushingiye ku rukundo rwicuza rukanababarira. Umutimanama umurikiwe n'ukwemera kandi ugendera mu rukundo ni wo uzafasha buri wese kugira uruhare nyarwo mu kugeza igihugu cyacu ku butabera bwunga. Tegereza ikizava mu nkiko-gacaca, kandi utange umusanzu wawe ngo zizagirire Abanyarwanda akamaro.

IBYO DUSABA BURI WESE

ABICIWE ABABO

Kubura abanyu tuzi neza akaga byabasizemo, n' ingaruka zabyo mu buzima bwa buri munsi. Ariko turabasaba kuzirikana aya magambo ya Yezu umwana w'Imana, agira ati: "Ibyo mwifuza ko abandi babagirira byose, namwe mubibagirire: ngayo Amategeko n' Abahanuzi" (Mt.7,12). Pawulo intumwa na we akagira ati: "Ntukareke inabi ikuganza, ahubwo inabi uyiganjishe ineza" (Rom.12,21). Umuyoboke wa Kristu ntahembera urwango. Turabasaba ko ntawavuga akurikije gusa akababaro ke cyangwa inyungu ze. Murihatire rero kugendera mu kuri, kandi mwirinde umutima wo guhora. Muzibuke ko ubeshyera undi ashaka kumucisha umutwe, na we aba abaye umwicanyi. Bityo, mu gutanga ikirego, mwirinde ubushinjabinyoma, kandi mwemere kurenganurwa hakurikijwe ibimenyetso bifatika.

ABAREGWA

Turasaba abaregwa kuzirikana aya magambo yanditswe na Yohani intumwa ya Yezu agira ati: "Niba tuvuze tuti nta cyaha tugira, tuba twibeshya ubwacu, nta kuri kuba kuturimo. Ariko niba twishinje ibyaha byacu, Imana idahemuka kandi yuje ubutungane, izatubabarira ibyaha byacu kandi iduhanagureho icyitwa ubucumuzi cyose" (1Yoh.I,8-9). Tubasabye rero kuvugisha ukuri imbere y'inkiko no kugira ubutwari bwo kwemera ibyaha muzi ko mwakoze kandi mubisabire imbabazi. Uririnde igishuko cyo kugira uwo uhohotera, umucira ibyaha atakoze, ahubwo ari ukugira ngo ushyire mu bibazo uwo mwari musanzwe mwangana cyangwa mufitanye akantu.

ABACAMANZA B'INKIKO-GACACA

Uruhare rwanyu ni indasimburwa mu migendekere myiza y'inkiko-gacaca. Tuzagera ku butabera bwunga tubikesheje umurava n'ubwitange muzakorana. Ubwo tumaze gushishikariza abantu kuvugisha ukuri, namwe muzagume muri uwo murongo w'

ukuri. Muzirinde ingeso mbi yo kurya ruswa ikunze kuvugwa mu bucamanza. Muzategе amatwi neza icyo bababwiye, mutitaye ku bisanzwe bivugwa ku muntu runaka, igihe bigaragaye ko nta shingiro bifite. Ntimuzakoreshe icyenewabo; muzi ko n'itegeko-ngenga ryerekeye inkiko-gacaca rigaragaza impungenge ku bazashaka guca imanza bakurikije ko kanaka bafitanye isano cyangwa ko bafite ibyo basanzwe bapfa. Mu ngingo ya 16 rigira riti: "Ugize inteko y'Urukiko-Gacaca ntiyemerewe kuburanisha mu rubanza rukurikiranywemo: uwo bafitanye isano cyangwa ufitanye isano n' uwo bashakanye, kugeza ku gisanira cya 2 kitaziguye; uwo bari basanzwe bafitanye urwangano rukomeye; uwo bari basanzwe bafitanye ubucuti bukomeye; uwo yari ashinzwe kurera cyangwa uwamureze bya kibyeyi. Muri icyo gihe yivana mu rubanza. Atabikora, umuntu wese uzi ko iyo miziro iriho, abimenyesha inteko mbere y'uko urubanza ruburanishwa mu mizi yarwo, igahita ifata icyemezo..."
Muzirinde rero kugira uwo mubera, cyangwa kugira uwo mwigirizaho nkana. Inyangamugayo nizitwara neza muri izi manza, bizagarurira isura nziza umuco n' imibereho y' Abanyarwanda.

ABAYOBOZI BA LETA

Izi nkiko-gacaca zitangiye, zigamije ubutabera bwunga Abanyarwanda. Ni ngombwa rero ko buri wese yumva ko atari igihe cyo gushyamirana. Abayobozi b'ingeri zose nibarusheho kuba maso, babuze ikintu cyose cyatuma abantu bahangana. Nibakome imbere uwashaka gukoresha iterabwoba ku bacamanza, cyangwa uwashaka kubavugiramo, byaba ku giti cye cyangwa ashyize hamwe n'abandi; abatanga ubuhamya, na bo babikore mu bwisanzure, ari abashinja cyangwa abashinjura, badatinya uwabahohotera.

Igihe cy' inkiko-gacaca kizagaragaza ukuri ku byabaye, hakurikiranwe abantu bakoze icyaha cy'itsembabwoko n'abakoze ibyaha byibasiye inyoko-muntu mu ntambara no mu midugararo, mu gihe cyagenwe n'Itegeko-ngenga ryerekeye inkiko-gacaca. Turasaba inzego z'ubutegetsi zibishinzwe, gukomeza gukurikirana n'ibyaha by'intambara, kugira ngo ubwiyunge bw' Abanyarwanda bushoboke, n'umuco wo kudahana urusheho kwamaganwa.

Muri iki gihe kandi duharanira gusubiza agaciro ubuzima bwa muntu twifashishije ubutabera bwunga, turasaba ababishinzwe kwiga uburyo igihano cy'urupfu cyavanwa mu mategeko igihugu cyacu kigenderaho. Byaba ari inyigisho ikomeye ku Banyarwanda, bakubaha ubuzima bwa buri wese bazirikana ko no ku wakosheje, kumwambura ubuzima atari byo byamugorora ngo agaruke i buntu.

ABAPADIRI N'ABANDI BIHAYIMANA

Nimube mu bandi urugero rukwiye kwizerwa n' abashaka ukuri, mwakire ababagana, mubagire inama mwisunze Ijambo ry'Imana; mwime amatwi abashaka kubahindura ibikoresho by'inyungu zabo, ahubwo mube abahuza ba bose, bityo ubutorwe bwanyu bumurikire bose muri Kiliziya y'Imana.

ABANYARWANDA MURI RUSANGE

Kimwe mu bitegerejwe ku nkiko-gacaca, ni ugusubiza mu buzima busanzwe abari bamaze igihe mu magereza bakekwaho kuba baragize uruhare mu itsembabwoko n'itsembatsemba. Ibyo bizatuma abantu babana ku mirenge n' abo bishishaga kuko babagiriye nabi. Turi mu bihe rero bigomba ubutwari; nimwemere ko nta mahoro ashobora kubaho adashingiye ku butabera, ariko kandi ko ubutabera bwubaka bugasana imiryango bujyana no kubabarira no kwemera kubana kivandimwe. Inkiko-gacaca ni cyo zigomba kudusigira.

Turabashishikariza guharanira icyatuma umuryango w'Abanyarwanda wiyunga. Niba dushaka amahoro, uwagize nabi nagaragaze ko yemeye ikibi yakoze kandi ko agisabiye imbabazi; uwagiriwe nabi na we areke guheranwa n' ikibi yagiriwe no gukomeza kubona umwanzi mu wakimugiriye; uko wifuza kubabarirwa no gusubizwa icyizere igihe wahemutse, ube ari ko wemerera n'abandi gutangira ubuzima bushya nyuma y'ikibi bakoze, maze utange imbabazi.

Twese duhuze umugambi wo kubaka igihugu gifite amahoro tuzagisigire abana bacu tutabaraze umwiryane n' inzangano z' akarande.

UMWANZURO

Bavandimwe muri Kristu,

Igihugu cyacu cyanyuze mu bintu by' agahomamunwa. Kwicwa urubozo, gutesha abana b'Imana icyubahiro, kwitabira ibikorwa by'ubugome n'ubusahuzi, guhemuka ku buryo bunyuranye, byashegeshe umubano w'ubuvandimwe waturangaga. Itsembabwoko n'itsembatsemba ryacuriwe mu Rwanda aba ari ho rikorerwa, kandi rikorwa n'abavandimwe. Ukwemera twakomeje guhimbaza kwabaye nk'ukujemo igihu, kugeza aho abakristu bitabira ibikorwa by'urukozasoni. Twamaganye iryo shyano, ariko riranga riragwa. Nyamara kubera kwa kwemera, hari n' ababaye intwari, bakora ibikorwa byo kugoboka no gutabara abari mu kaga, bamwe ndetse bahasiga ubuzima bwabo.

Imyaka munani ishize, tuyimaze dufatanya n'abandi Banyarwanda guhembera ubuzima, no gusubiza ibibazo binyuranye byaje ari inkurikizi z'ariya mahano. Muri ibyo bibazo, igisa n'igihetse ibindi, ni icy'ubucamanza butabera, bugamije guhana abacumuye, kurenganura abarengana, no kunga Abaturarwanda muri rusange. Ni muri urwo rwego ubu tugeze mu gihe cy'inkiko-gacaca. Ni igihe cy'amizero n'impungenge, nk'uko twabisobanuye. Kuri twebwe Abakristu, ni igihe cyo kutongera kugwa mu mutego wa Sekibi, ahubwo tukagaragaza ko twemera Kristu by'ukuri. Ibyo bikadusaba kugendera mu kuri, kabone n'aho byaba bitugoye. Ikinyoma kirasenya, ntabwo cyubaka.

Turasaba rero abazatanga ubuhamya bose, n'abazashinja abagize nabi, abacamanza, abayobozi n'abanyarwanda bose, kugendera mu kuri, bayobowe n'urukundo rw'Imana rutagira uwo rurobanura. Turasaba abakosheje kwicuza no kwakira neza ibihano bazagenerwa, maze bakazabirangiza baragaruye koko umutima mwiza uranga abana

b' Imana. Turasaba kandi abacamanza ba ziriya nkiko kuzagaragaza koko ko ari inyangamugayo zikwiye iryo zina.

Abakristu bose basabire igihugu cyacu, basaba Imana ishobora byose ngo bino bihe bizabe ibyo kugarura umubano mwiza mu Banyarwanda, maze tubone kwerekeza mu nzira y'amajyambere nyakuri.

Umubyeyi Bikira Mariya aratube hafi, aduturire isengesho Yezu Kristu umwana we, maze natwe atubwire kibyeyi ati: "Icyo ababwira cyose mugikore" (Yoh.2,5).

Bikorewe i Kigali kuwa 13 Kamena 2002.

Abayobozi ba Kiliziya Gatolika mu Rwanda:

+ Tadeyo NTIHINYURWA, Umushumba wa Arkidiyosezi ya Kigali

+ Anastazi MUTABAZI, Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi

+ Augustini MISAGO, Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro

+ Frederiko RUBWEJANGA, Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo

+ Serviliyani NZAKAMWITA, Umushumba wa Diyosezi ya Byumba

+ Yohani Damaseni BIMENYIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya Cyangugu

+ Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo

+ Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare

+ Kizito BAHUJIMIHIGO, Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri